**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IBANZE RWA GAHUNGA**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, ukwezi kwa gashantare, umunsi wa cumi nna gatanu;

Twebwe MUZAMUZI Pacifique, Umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze rwa Gahunga, dufashijwe na NKUNDIMANA Jean D'Amour, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze rwa Gahunga bwaregeye Urukiko uwitwa **Jean Paul HABIZANYE**, mwene Rwamakuba Stanislas na Kanyange Catheline, wavutse 01/01/1986, mu Rwannda, Intara y'Amajyarugu, Akarere ka Burera, Umurenge wa Rugarama, Akagari ka Karangara, Umudugudu wa Gasiza; Akabariho, akaba arinaho atuye;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa No **RP 00243/2022/TB/GAH**, bukurikiranyeho Jean Paul HABIZANYE icyaha cyo gukubita cyanga gukomeretsa ku bishake, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 agace ka 1 n'aka 2 y' Itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'itegeko No 027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa.

Dutegetse ko Jean Paul HABIZANYE kwitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Gahunga mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), akazitaba ku wa **08/05/2023** saa tatu za

mugitondo (09:004) kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha, atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko;

Dutegetse ko ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri *website* y'Urukiko rw'Ikirenga ari www.judiciary.gov.rw.

**ICYEMEZO GIFASHWE MU IBURANISHA MU RUHAME, KU URUKIKO RW'IBANZE RWA GAHUNGA NONE KUWA 15/02/2023.**

| | |
|---|---|
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |
| **(Sé)** | **(Sé)** |
| **MUZAMUZI Pacifique** | **NKUNDIMANA Jean d'Amour** |

Copie certifiée conforme à l'original
Greffier NKUNDIMANA Jean d'Amour ce 16/02/2023